IJAMBO UHAGARARIYE MINISTRI W'URUBYIRUKO NO GUTSURA ZA KOPERATIVE YAVUZE AFUNGURA INAMA YA KONGRE YA KABILI Y'IMIRYANGO Y'URUBYIRUKO YA GISIYO GATOLIKA - KIGALI TARIKI 15 NYAKANGA 1988.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

- Banyakwubahwa Basenyeri,
- Banyacyubahiro muteraniye hano,
- Bayobozi b'Imiryango y'Urubyiruko ya Gisiyo Gatolika,

Nshimishijwe no kuba ndi kumwe na mwe mu izina rya Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative muri iyi mihango yo gukingura inama ya Kongre ya kabiri y'Imiryango y'Urubyiruko ya Gisiyo Gatolika.

Inama yanyu ya mbere yabaye kuva tariki 11 kugeza tariki 15 nyakanga 1985. Muri iyo nama mwashoboye kugera ku myanzuro ishimishije, musaba Leta, Kiliziya n'Ababyeyi kubashyigikira mu byo mukora.

Ku ruhande rwa Leta, mwifuje ko yakomeza gutera inkunga imishinga y'Urubyiruko, gufasha amashyirahamwe y'Urubyiruko mu mpande zose z'Igihugu, kuyabonera ibikoresho-fatizo, no kubonera amasoko umusaruro wayo.

Ku byerekeye guteza imbere amashyirahamwe y'Urubyiruko kenshi mugomba kwifashisha Abayobozi b'Urubyiruko mu makomini. Kugira ngo batunganye akazi kabo buri mwaka turabahugura. Twabasabye ko amashyirahamwe atagomba kwibanda ku buhinzi gusa, ahubwo ko Urubyiruko rugomba kurushaho kwibumbira hamwe mu mirimo y'ubukorikori n'ibindi bikorwa byongera umusaruro kuko amasambu agenda akendera. Kuva aho dutangiriye gukoresha irushanwa ry'amakoperative, iry'amashyirahamwe, iry'ibigo by'Urubyiruko na CERAI muri 1985 twasanze buri mwaka havuka imirimo mishya ibimbye urubyiruko ku ngeri zose kandi muri buri Komini. Kuva icyo gihe, twiyemeje guhemba buri mwaka batanu ba mbere haba mu makoperative, mu mashyirahamwe, mu bigo by'Urubyiruko na CERAI kugira ngo abakora neza bashimwe. Iyo politiki izakomeza.

Ikindi twabonye cyatuma amashyirahamwe y'Urubyiruko yiyongera, ni ugukoresha isangano ry'urubyiruko buri mwaka. Icyo gihe urubyiruko rukerekana ibyo rumaze kugeraho, rukanazirikana uko rwarushaho gukora no kwifata neza. Twabitangiye mu mpera z'umwaka ushize. Uyu mwaka rizaba mu cyumweru cyanyuma cy'ukwezi kwa Kanama. Twashatse ko n'Urubyiruko rw'abanyeshuli rubona na rwo umwanya wo kuritegura, rufatanije na bagenzi babo bo mu cyaro. Turifuza ko n'imiryango y'urubyiruko yagira uruhare runini muri iryo sangano. Muri icyo cyumweru hateganyijwe imurikwa-gurisha, imikino n'imyidagaduro, ibiganiro-mbwirwa-ruhame byo gusuzuma imibereho y'urubyiruko bakanakora n'Umuganda.

Ku byerekeye ibikoresho-fatizo, kenshi imfashanyo dutanga tuyinyuza muri Prefegitura no muri Komini ariko kandi hari abo dufasha iyo babicishije mu miryango y'urubyiruko. Nagira ngo mbibutse kandi ko mu mwaka ushize, Umukuru w'Igihugu yahaye buri Prefegitura inkunga ya miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda. Buri Prefegitura yagiye igena uko izayafashisha amashyirahamwe y'Urubyiruko.

Ku byerekeye amasoko y'umusaruro w'amashyirahamwe, ndabibutsa ko Guverinoma yafashe ibyemezo bishimishije byo guhesha agaciro umusaruro w'umuhinzi-mworozi kugira ngo iyo ntego y'uyu mwaka yatanzwe n'Umukuru w'Igihugu ishobore kugerwaho. Mugomba kubikurikirira hafi, mukubahiriza amabwiriza yagiye atangwa ari ayerekeye ibiciro, uburyo bwo gupima imyaka igurishwa no gufatanya mu kurwana ku gaciro k'umusaruro w'abanyamuryango.

Biranshimishije kubona mwariyemeje kujya muhura buri imyaka ibiri ngo mwiyibutse ubutumwa mufite mu rubyiruko. Ubwo butumwa bushingiye ku iyobokamana mutirengagije n'ibitunga umubili. Mu mibereho y'abantu, ni byiza kwibanda kuri roho ariko n'umubili ugahabwa agaciro kawugenewe, bikaba bihuje n'umugani w'ikilatini "mens sana in corpore sano" (roho nziza mu mubili mwiza). Muri iyi Kongre rero ni ngombwa kwigira hamwe iyi nyigisho musanzwe muzi ikubiye muri ayo magambo akomeye kugira ngo mugire roho nziza mu mubili uzira umuze. Urubyiruko nirwo twese duhanze amaso, ni amizero y'u Rwanda rushya, ni isoko y'amajyambere mu bukungu, mu mibereho no mu muco. Niyo mpamvu abarushinzwe mu nzego zose bagomba kuruyoborana umutima mwiza, ubwitonzi, twumva ibibazo byarwo kandi tugerageza kubishakira umuti, buri wese akurikije ubuhsobozi bwe.

Bayobozi b'imiryango y'Urubyiruko ya Gisiyo Gatolika, intego nabibukije haruguru ntabwo itandukanye n'iyo mwiyemeje kwiga uyu mwaka ahubwo biruzuzanya. Iyi Kongre yanyu izasuzuma birambuye intego mwafashe uyu mwaka ariyo "Bikira Mariya ni Urumuli rw'Urubyiruko rw'u Rwanda".

Birashimishije cyane kuko muteye mu ntego ya Nyirubutungane Papa Yohani Pahulo wa Kabiri wategetse ko uyu mwaka wegurirwa Umubyeyi w'isi, Bikira Mariya. Byongeye kuba mahire kuko mu ntangiriro y'uyu mwaka, mu misa yabereye kuri Stade Régional y'i NYAMIRAMBO, Nyakubahwa Musenyeli Visenti NSENGIYUMVA, Arikepisokopi wa KIGALI, akikijwe n'abasenyeli bose bo mu Rwanda, yatangije by'umwihariko, ko yeguriye u Rwanda Bikira Mariya. Abanyarwanda bose bishimiye icyo gikorwa nyamara mwebwe mwasanze ari ngombwa kugira akarusho, uwo Mubyeyi mumweguriye Urubyiruko rwacu ngo arubere urumuri.

Ndabashimiye rwose, igitekerezo cyanyu kinyuze umutima abategetsi n'ababyeyi. Ntimwibeshye muhitamo Bikira Mariya kuko ni we Mubyeyi wahebuje ababyeyi bose kurera, igihe yemera kuba Nyina wa Jambo akamurera, akamuherekeza ku Musaraba, akanezezwa n'izuka rye.

.../...

Twese tuzi ko Yezu Kristu yamuraze abantu bose, igihe abwiye Yohani ati mwana, dore umubyeyi wawe, akabwira nyina ati, dore umwana wawe, kandi guhera ubwo, uwo mwigishwa amujyana iwe. Kubwira Urubyiruko ko Bikira Mariya arubereye urumuri ni ukorosora ababyukaga. Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ishyigikiye intego yanyu. Ariko kandi iyo ntego ntiyibande ku rubyiruko gatolika gusa ahubwo izacengere mu rubyiruko rwose, urwarangije amashuli, uruyarimo, urwayacikije ariko cyane cyane urucyugarijwe n'indwara y'ubujiji. Umuntu w'injiji akora atazi iyo agana, ntamenya amaherezo ye ngo abone uko ateganya imibereho ye muri iyi si n'iyigihe kizaza amaze kwitaba Imana. Abashinzwe Urubyiruko bakwiye gukangura urwo rubyiruko cyane cyane urwo mu cyaro kugira ngo ruve mu icuraburindi.

Ndibutsa kandi ko Umukuru w'Igihugu Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali yitaye ku Rubyiruko ku buryo bw'umwihariko. Ibyo yabigaragaje cyane cyane kuva agishinga Leta ye kw'itariki ya mbere kanama 1973, ubwo yasabaga Ministeri y'Urubyiruko kwita ku burere bw'Urubyiruko, muri buri Komini, kurutoza ubuhinzi bwa kijyambere, imirimo y'imyuga no gushinga za Koperative. Iyo ntego twarayubahirije dufashijwe n'abagiraneza barimo abashinzwe imiryango yanyu.

Ku itariki ya 21 gicurasi 1986 muri Disikuru yavugiye muri Kaminuza yo mu RUHENGERI i NYAKINAMA yadusabye kwita ku bikorwa bihesha Urubyiruko akazi. Ibarura ry'ibyo bikorwa ryatangiye mu mwaka ushize ubu riranonosorwa mu Rwanda hose. Rizereka inzego zose z'Ubutegetsi bwa Leta, ubw'ibigo byigenga n'Imiryango y'Urubyiruko ibishobora gukorwa muri buri Komini, yo shingiro y'amajyambere y'Igihugu muri iyi myaka 25 iri imbere yahariwe Komini. Ibarura nirimara kugaragaza ibyakorwa mu karere aka n'aka, muzatumenyesha ibyo mwakwikorera n'ibyo Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ishobora kuzabateramo inkunga.

Mboneyeho umwanya wo kubamenyesha ko kuva tariki 17 kugeza tariki 19 kanama 1988, i KIGALI hari inama izahuza Abayobozi bakuru b'Imiryango yose y'Urubyiruko kugira ngo ari twebwe ari nayo, buri wese yerekane uko yakunganira undi mu kwita ku Rubyiruko. Tuzasuzuma rero birambuye gahunda y'ibyo mukora, turebe n'inkunga mukeneye.

Mbifulije kugira inama nziza no kuzagera ku myanzuro ishimishije Igihugu cyose, cyane cyane Urubyiruko.

Sinarangiza ntongeye kwibutsa abashinzwe imiryango y'Urubyiruko gukomeza kuruyoborana ubwitonzi, ubushishozi n'umurava, barutoza umuco-munyarwanda wo kwubaha no gukunda umurimo.

Bikira Mariya Umubyeyi akomeze aturinde.

Murakoze

IJAMBO UHAGARARIYE MINISTRI W'URUBYIRUKO NO GUTSURA ZA KOPERATIVE YAVUZE AFUNGURA INAMA YA KONGRE YA KABILI Y'IMIRYANGO Y'URUBYIRUKO YA GISIYO GATOLIKA - KIGALI TARIKI 15 NYAKANGA 1988.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

- Banyakwubahwa Basenyeri,
- Banyacyubahiro muteraniye hano,
- Bayobozi b'Imiryango y'Urubyiruko ya Gisiyo Gatolika,

Nshimishijwe no kuba ndi kumwe na mwe mu izina rya Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative muri iyi mihango yo gukingura inama ya Kongre ya kabiri y'Imiryango y'Urubyiruko ya Gisiyo Gatolika.

Inama yanyu ya mbere yabaye kuva tariki 11 kugeza tariki 15 nyakanga 1985. Muri iyo nama mwashoboye kugera ku myanzuro ishimishije, musaba Leta, Kiliziya n'Ababyeyi kubashyigikira mu byo mukora.

Ku ruhande rwa Leta, mwifuje ko yakomeza gutera inkunga imishinga y'Urubyiruko, gufasha amashyirahamwe y'Urubyiruko mu mpande zose z'Igihugu, kuyabonera ibikoresho-fatizo, no kubonera amasoko umusaruro wayo.

Ku byerekeye guteza imbere amashyirahamwe y'Urubyiruko kenshi mugomba kwifashisha Abayobozi b'Urubyiruko mu makomini. Kugira ngo batunganye akazi kabo buri mwaka turabahugura. Twabasabye ko amashyirahamwe atagomba kwibanda ku buhinzi gusa, ahubwo ko Urubyiruko rugomba kurushaho kwibumbira hamwe mu mirimo y'ubukorikori n'ibindi bikorwa byongera umusaruro kuko amasambu agenda akendera. Kuva aho dutangiriye gukoresha irushanwa ry'amakoperative, iry'amashyirahamwe, iry'ibigo by'Urubyiruko na CERAI muri 1985 twasanze buri mwaka havuka imirimo mishya ibimbye urubyiruko ku ngeri zose kandi muri buri Komini. Kuva icyo gihe, twiyemeje guhemba buri mwaka batanu ba mbere haba mu makoperative, mu mashyirahamwe, mu bigo by'Urubyiruko na CERAI kugira ngo abakora neza bashimwe. Iyo politiki izakomeza.

Ikindi twabonye cyatuma amashyirahamwe y'Urubyiruko yiyongera, ni ugukoresha isangano ry'urubyiruko buri mwaka. Icyo gihe urubyiruko rukerekana ibyo rumaze kugeraho, rukanazirikana uko rwarushaho gukora no kwifata neza. Twabitangiye mu mpera z'umwaka ushize. Uyu mwaka rizaba mu cyumweru cyanyuma cy'ukwezi kwa Kanama. Twashatse ko n'Urubyiruko rw'abanyeshuli rubona na rwo umwanya wo kuritegura, rufatanije na bagenzi babo bo mu cyaro. Turifuza ko n'imiryango y'urubyiruko yagira uruhare runini muri iryo sangano. Muri icyo cyumweru hateganyijwe imurikwa-gurisha, imikino n'imyidagaduro, ibiganiro-mbwirwa-ruhame byo gusuzuma imibereho y'urubyiruko bakanakora n'Umuganda.

.../...

Ku byerekeye ibikoresho-fatizo, kenshi imfashanyo dutanga tuyinyuza muri Prefegitura no muri Komini ariko kandi hari abo dufasha iyo babicishije mu miryango y'urubyiruko. Nagira ngo mbibutse kandi ko mu mwaka ushize, Umukuru w'Igihugu yahaye buri Prefegitura inkunga ya miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda. Buri Prefegitura yagiye igena uko izayafashisha amashyirahamwe y'Urubyiruko.

Ku byerekeye amasoko y'umusaruro w'amashyirahamwe, ndabibutsa ko Guverinoma yafashe ibyemezo bishimishije byo guhesha agaciro umusaruro w'umuhinzi-mworozi kugira ngo iyo ntego y'uyu mwaka yatanzwe n'Umukuru w'Igihugu ishobore kugerwaho. Mugomba kubikurikirira hafi, mukubahiriza amabwiriza yagiye atangwa ari ayerekeye ibiciro, uburyo bwo gupima imyaka igurishwa no gufatanya mu kurwana ku gaciro k'umusaruro w'abanyamuryango.

Biranshimishije kubona mwariyemeje kujya muhura buri imyaka ibiri ngo mwiyibutse ubutumwa mufite mu rubyiruko. Ubwo butumwa bushingiye ku iyobokamana mutirengagije n'ibitunga umubili. Mu mibereho y'abantu, ni byiza kwibanda kuri roho ariko n'umubili ugahabwa agaciro kawugenewe, bikaba bihuje n'umugani w'ikilatini "mens sana in corpore sano" (roho nziza mu mubili mwiza). Muri iyi Kongre rero ni ngombwa kwigira hamwe iyi nyigisho musanzwe muzi ikubiye muri ayo magambo akomeye kugira ngo mugire roho nziza mu mubili uzira umuze. Urubyiruko nirwo twese duhanze amaso, ni amizero y'u Rwanda rushya, ni isoko y'amajyambere mu bukungu, mu mibereho no mu muco. Niyo mpamvu abarushinzwe mu nzego zose bagomba kuruyoborana umutima mwiza, ubwitonzi, twumva ibibazo byarwo kandi tugerageza kubishakira umuti, buri wese akurikije ubuhsobozi bwe.

Bayobozi b'imiryango y'Urubyiruko ya Gisiyo Gatolika, intego nabibukije haruguru ntabwo itandukanye n'iyo mwiyemeje kwiga uyu mwaka ahubwo biruzuzanya. Iyi Kongre yanyu izasuzuma birambuye intego mwafashe uyu mwaka ariyo "Bikira Mariya ni Urumuli rw'Urubyiruko rw'u Rwanda".

Birashimishije cyane kuko muteye mu ntego ya Nyirubutungane Papa Yohani Pahulo wa Kabiri wategetse ko uyu mwaka weguririwa Umubyeyi w'isi, Bikira Mariya. Byongeye kuba mahire kuko mu ntangiriro y'uyu mwaka, mu misa yabereye kuri Stade Régional y'i NYAMIRAMBO, Nyakubahwa Musenyeli Visenti NSENGIYUMVA, Arikepisokopi wa KIGALI, akikijwe n'abasenyeli bose bo mu Rwanda, yatangije by'umwihariko, ko yeguriye u Rwanda Bikira Mariya. Abanyarwanda bose bishimiye icyo gikorwa nyamara mwebwe mwasanze ari ngombwa kugira akarusho, uwo Mubyeyi mumweguriye Urubyiruko rwacu ngo arubere urumuri.

Ndabashimiye rwose, igitekerezo cyanyu kinyuze umutima abategetsi n'ababyeyi. Ntimwibeshye muhitamo Bikira Mariya kuko ni we Mubyeyi wahebuje ababyeyi bose kurera, igihe yemera kuba Nyina wa Jambo akamurera, akamuherekeza ku Musaraba, akanezezwa n'izuka rye.

.../...

Twese tuzi ko Yezu Kristu yamuraze abantu bose, igihe abwiye Yohani ati mwana, dore umubyeyi wawe, akabwira nyina ati, dore umwana wawe, kandi guhera ubwo, uwo mwigishwa amujyana iwe. Kubwira Urubyiruko ko Bikira Mariya aruberaye urumuri ni ukorosora ababyukaga. Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ishyigikiye intego yanyu. Ariko kandi iyo ntego ntiyibande ku rubyiruko gatolika gusa ahubwo izacengere mu rubyiruko rwose, urwarangije amashuli, uruyarimo, urwayacikije ariko cyane cyane urucyugarijwe n'indwara y'ubujiji. Umuntu w'injiji akora atazi iyo agana, ntamenya amaherezo ye ngo abone uko ateganya imibereho ye muri iyi si n'iyigihe kizaza amaze kwitaba Imana. Abashinzwe Urubyiruko bakwiye gukangura urwo rubyiruko cyane cyane urwo mu cyaro kugira ngo ruve mu icuraburindi.

Ndibutsa kandi ko Umukuru w'Igihugu Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali yitaye ku Rubyiruko ku buryo bw'umwihariko. Ibyo yabigaragaje cyane cyane kuva agishinga Leta ye kw'itariki ya mbere kanama 1973, ubwo yasabaga Ministeri y'Urubyiruko kwita ku burere bw'Urubyiruko, muri buri Komini, kurutoza ubuhinzi bwa kijyambere, imirimo y'imyuga no gushinga za Koperative. Iyo ntego twarayubahirije dufashijwe n'abagiraneza barimo abashinzwe imiryango yanyu.

Ku itariki ya 21 gicurasi 1986 muri Disikuru yavugiye muri Kaminuza yo mu RUHENGERI i NYAKINAMA yadusabye kwita ku bikorwa bihesha Urubyiruko akazi. Ibarura ry'ibyo bikorwa ryatangiye mu mwaka ushize ubu riranonosorwa mu Rwanda hose. Rizereka inzego zose z'Ubutegetsi bwa Leta, ubw'ibigo byigenga n'Imiryango y'Urubyiruko ibishobora gukorwa muri buri Komini, yo shingiro y'amajyambere y'Igihugu muri iyi myaka 25 iri imbere yahariwe Komini. Ibarura nirimara kugaragaza ibyakorwa mu karere aka n'aka, muzatumenyesha ibyo mwakwikorera n'ibyo Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ishobora kuzabateramo inkunga.

Mboneyeho umwanya wo kubamenyesha ko kuva tariki 17 kugeza tariki 19 kanama 1988, i KIGALI hari inama izahuza Abayobozi bakuru b'Imiryango yose y'Urubyiruko kugira ngo ari twebwe ari nayo, buri wese yerekane uko yakunganira undi mu kwita ku Rubyiruko. Tuzasuzuma rero birambuye gahunda y'ibyo mukora, turebe n'inkunga mukeneye.

Mbifulije kugira inama nziza no kuzagera ku myanzuro ishimishije Igihugu cyose, cyane cyane Urubyiruko.

Sinarangiza ntongeye kwibutsa abashinzwe imiryango y'Urubyiruko gukomeza kuruyoborana ubwitonzi, ubushishozi n'umurava, barutoza umuco-munyarwanda wo kwubaha no gukunda umurimo.

Bikira Mariya Umubyeyi akomeze aturinde.

Murakoze

→ Museum 6 Rwanda

UHAGARARIYE MINISITIRI

IJAMBO ~~RYA MINISTRI~~ W'URUBYIRUKO NO GUTSURA ZA KOPERATIVE, ~~MILITA NDINDILIYIMANA AGUSITINI Lt Col BEM~~, YAVUZE AFUNGURA INAMA YA KONGRE YA KABILI Y'IMIRYANGO Y'URUBYIRUKO YA GISIYO GATOLIKA - KIGALI TARIKI 15 NYAKANGA 1988.

---

- Banyakubahwa basenyeri
- Banyacyubahiro muteraniye hano
- Bayobozi b'Imiryango y'Urubyiruko ya Gisiyo Gatolika,

~~Mbanje kubasuhuza mu ntego ya Muvoma yacu "Mugire Amahoro-Ubumwe n'Amajyambere dukesha Repubulika ya Kabili na Presida wa Repubulika Nyakubahwa Milita Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali".~~

Nshimishijwe no kuba ndi kumwe na mwe mu izina rya minisitiri w'urubyiruko ... muri iyi mihango yo gukingura inama ya Kongre ya kabiri y'Imiryango y'Urubyiruko ya Gisiyo Gatolika.

Inama yanyu ya mbere yabaye kuva tariki 11 kugeza tariki 15 nyakanga 1985. ~~Birashimishije kubona~~ Muri iyo nama mwashoboye kugera ku myanzuro ishimishije, mukanasaba Leta, Kiliziya n'Ababyeyi kubashyigikira mu byo mukora.

Ku ruhande rwa Leta, mwifuje ko yakomeza gutera inkunga imishinga y'Urubyiruko, gufasha amashyirahamwe y'Urubyiruko mu mpande zose z'Igihugu, kuyabonera ibikoresho-fatizo, no kubonera amasoko umusaruro waye.

Ku byerekeye guteza imbere amashyirahamwe y'Urubyiruko kenshi mugomba kwifashisha Abayobozi b'Urubyiruko mu makomini. Kugira ngo batunganye akazi kabo buri mwaka turabahugura. Twabasabye ko amashyirahamwe atagomba kwibanda ku buhinzi gusa, ahubwo ko Urubyiruko rugomba kurushaho kwibumbira hamwe mu mirimo y'ubukorikori n'ibindi bikorwa byongera umusaruro kuko amasambu agenda akendera. Kuva aho dutangiriye gukoresha irushanwa ry'amakoperative, iry'amashyirahamwe, iry'ibigo by'Urubyiruko na CERAI muri 1985 twasanze buri mwaka havuka imirimo mishya ibumbye urubyiruko ku ngeri zose kandi muri buri Komini. Kuva icyo gihe, twiyemeje guhemba buri mwaka batanu ba mbere haba mu makoperative, mu mashyirahamwe, mu bigo by'Urubyiruko na CERAI kugira ngo abakora neza bashimwe. Iyo politiki izakomeza.

Ikindi twabonye cyatuma amashyirahamwe y'Urubyiruko yiyongera, ni ugukoresha isangano ry'urubyiruko buri mwaka. Icyo gihe urubyiruko rukerekana ibyo rumaze kugeraho, rukanazirikana uko rwarushaho gukora no kwifata neza. Twabitangiye mu mpera z'umwaka ushize. Uyu mwaka rizaba mu cyumweru cyanyuma cy'ukwezi kwa Kanama. Twashatse ko n'Urubyiruko rw'abanyeshuli rubona na rwo umwanya wo kuritegura, rufatanije na bagenzi babo bo mu cyaro. Turifuza ko n'imiryango y'urubyiruko yagira uruhare runini muri irye sangano.

.../...

Muri icyo cyumweru hateganyijwe imurikwa-gurisha, imikino n'imyidagaduro, ibiganiro-mbwirwa-ruhame byo gusuzuma imibereho y'urubyiruko bakanakora n'Umuganda.

Ku byerekeye ibikoresho-fatizo, kenshi imfashanyo dutanga tuyinyuza muri Prefegitura no muri Komini ariko kandi hari abo dufasha iyo babicishije mu miryango y'urubyiruko. Nagira ngo mbibutse kandi ko mu mwaka ushize, Umukuru w'Igihugu yahaye buri Prefegitura inkunga ya miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda. Buri Prefegitura yagiye igena uko izayafashisha amashyirahamwe y'Urubyiruko.

Ku byerekeye amasoko y'umusaruro w'amashyirahamwe, ndabibutsa ko Guverinoma yafashe ibyemezo bishimishije byo guhesha agaciro umusaruro w'umuhinzi-mworozi kugirango iyo ntego y'uyu mwaka yatanzwe n'Umukuru w'Igihugu ishobore kugerwaho. Mugomba kubikurikirira hafi, mukubahiriza amabwiriza yagiye atangwa ari ayerekeye ibiciro, uburyo bwo gupima imyaka igurishwa no gufatanya mu kurwana ku gaciro k'umusaruro w'abanyamuryango.

Biranshimishije kubona mwariyemeje kujya muhura buri imyaka ibiri ngo mwiyibutse ubutumwa mufite mu rubyiruko. Ubwo butumwa bushingiye ku iyobokamana mutirengagije n'ibitunga umubili. Mu mibereho y'abantu, ni byiza kwibanda kuri roho ariko n'umubili ugahabwa agaciro kawugenewe, bikaba bihuje n'umugani w'ikilatini "mens sana in corpere sano" (roho nziza mu mubili mwiza). Muri iyi Kongre rero ni ngombwa kwigira hamwe iyi nyigisho musanzwe muzi ikubiye muri ayo magambo akomeye kugira ngo mugire roho nzima mu mubili uzira umuze. Urubyiruko nirwo twese duhanze amaso, ni amizero y'u Rwanda rushya, ni isoko y'amajyambere mu bukungu, mu mibereho no mu muco. Niyo mpamvu abarushinzwe mu nzego zose tagomba kuruyoberana umutima mwiza, ubwitonzi, twumva ibibazo byarwo kandi tugerageza kubishakira umuti, buri wese akurikije ubushobozi bwe.

Bayobozi b'imiryango y'Urubyiruko ya Gisiyo Gatolika, intego nabibukije haruguru ntabwo itandukanye n'iyo mwiyemeje kwiga uyu mwaka ahubwo biruzuzanya. Iyi Kongre yanyu izasuzuma birambuye intego mwafashe uyu mwaka ariyo "Bikira Mariya ni Urumuli rw'Urubyiruko rw'u Rwanda".

Birashimishije cyane kuko muteye mu ntego ya Nyirubutungane Papa Yohani Pahulo wa Kabiri wategetse ko uyu mwaka weguririwa Umubyeyi w'isi, Bikira Mariya. Byongeye kuba mahire kuko mu ntangiriro y'uyu mwaka, mu misa yabereye kuri Stade Régional y'i NYAMIRAMBO, Nyakubahwa Musenyeli Visenti NSENGIYUMVA, Arikepisokopi wa Kigali, akikijwe n'abasenyeli bose bo mu Rwanda, yatangaje by'umwihariko, ko yeguriye u Rwanda Bikira Mariya. Abanyarwanda bose bishimiye icyo gikorwa nyamara mwebwe mwasanze ari ngombwa kugira akarusho, uwo Mubyeyi mumweguriye Urubyiruko rwacu ngo arubere urumuri.

Ndabashimiye rwose, igitekerezo cyanyu kinyuze umutima abategetsi n'ababyeyi. Ntimwibeshye muhitamo Bikira Mariya kuko ni we Mubyeyi wahebuje ababyeyi bose kurera, igihe yemera kuba Nyina wa Jambo akamurera, akamuherekeza ku Musaraba, akanezezwa n'izuka rye.

.../...

Tweze tuzi ko Yezu Kristu yamuraze abantu bose, igihe abwiye Yohani ati mwana, dore nyoko, akabwira nyina ati, dore umwana wawe, kandi guhera ubwo, uwo mwigishwa amujyana iwe. Kubwira Urubyiruko ko Bikira Mariya arubereye urumuri ni ukorozora ababyukaga. Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ishyigikiye intego yanyu. Ariko kandi ntiyibande ku rubyiruko gatolika gusa ahubwo izacengere mu rubyiruko rwose, urwarangije amashuli, uruyarimo, urwayacikije ariko cyane cyane urucyugarijwe n'indwara y'ubujiji. Umuntu w'injiji akora atazi iyo agana, ntamenya amaherezo ye ngo abone uko ateganya imibereho ye muri iyi si n'iyigihe kizaza amaze kwitaba Imana. Abashinzwe Urubyiruko bakwiye gukangura urwo rubyiruko cyane cyane urwo mu cyaro kugira ngo ruve mu icuraburindi.

Sinarangiza ntabibukije ko Umukuru w'Igihugu Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMA Yuvenali yitaye ku Rubyiruko ku buryo bw'umwihariko. Ibyo yabigaragaje cyane cyane kuva agishinga Leta ye kw'itariki ya mbere kanama 1973, ubwo yasabaga Ministeri y'Urubyiruko kwita ku burere bw'Urubyiruko, muri buri Komini, kurutoza ubuhinzi bwa kijyambere, imirimo y'imyuga no gushinga za koperative. Iyo ntego twarayubahirije dufashijwe n'abagiraneza barimo abashinzwe imiryango yanyu.

Ku itariki ya 21 gicurasi 1986 muri Disikuru yavugiye muri Kaminuza yo mu RUHENGERI i NYAKINAMA yadusabye kwita ku bikorwa bihesha Urubyiruko akazi. Ibarura ry'ibyo bikorwa ryatangiye mu mwaka ushize ubu riranonosorwa mu Rwanda hose. Rizereka inzego zose z'Ubutegetsi bwa Leta, ubw'ibigo byigenga n'Imiryango y'Urubyiruko ibishobora gukorwa muri buri Komini, yo shingiro y'amajyambere y'Igihugu muri iyi myaka 25 yahariwe Komini. Ibarura nirimara kugaragaza ibyakorwa mu karere aka n'aka, muzatumenyesha ibyo mwakwikorera n'ibyo Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ishobora kuzabateramo inkunga.

Mboneyeho umwanya wo kubamenyesha ko kuva tariki 17 kugeza tariki 19 kanama 1988, i KIGALI hari inama izahuza Abayobozi bakuru b'Imiryango yose y'Urubyiruko kugira ngo ari twebwe ari nayo, buri wese yerekane uko yakunganira undi mu kwita ku Rubyiruko. Tuzasuzuma rero birambuye gahunda y'ibyo mukora, turebe n'inkunga mukeneye. Tuziga kandi ibyerekeye ishingwa ry'Umuryango ubumbye Urubyiruko ariwo J.M.R.N.D. Ndizera ko imiryango yanyu izategura iyo nama neza kuko mubimenye hakiri kare. Inzandiko zibabumira ziri mu nzira.

Mbifulije kugira inama nziza no kuzagera ku myanzuro ishimishije Igihugu cyose, cyane cyane Urubyiruko.

Sinarangiza ntongeye kwibutsa abashinzwe imiryango y'Urubyiruko kuruyoborana ubwitonzi, ubushishozi n'umurava, barutoza umuco nyarwanda wo kwubaha no gukunda umurimo, gufasha abatishoboye n'abagize ibyago nk'abaseryewe n'imvura mu minsi ishize no guterana inkunga mu byo bakora.

Murakoze.